



REPUBLIKA Y'U RWANDA



# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA GASHYANTARE 2020

10 Werurwe 2020

## **IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA GASHYANTARE 2020**

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Gashyantare 2020. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### **A. Ibiciro mu mijyi**

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 8,7% mu kwezi gushize kwa Gashyantare 2020 ugereranyije na Gashyantare 2019. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu kwezi kwa mbere (Mutarama 2020) ryari ku kigereranyo kingana na 7,3%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 8,7% mu kwezi kwa Gashyantare ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 19,9%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 18% n'ibiciro by'amazu, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutsho 4,1%.

Iyo ugereranyije Gashyantare 2020 na Gashyantare 2019, usanga ibiciro by'ibantu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 4,5%.

Wagereranya ukwezi kwa Kabiri (Gashyantare 2020) n'ukwezi kwa mbere (Mutarama 2020), ibiciro byazamutseho 1,6%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 4,2%, n'ibiciro by'amazu, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 1,8%.

### **B. Ibiciro mu byaro**

Mu kwezi kwa Gashyantare 2020, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 17,1% ugereranyije na Gashyantare 2019. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa mbere (Mutarama 2020) ryari ku kigereranyo kingana na 14,6%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 17,1% mu kwezi kwa Gashyantare ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 29,7%, ibiciro by'ibinyobwa

bisembuye n'itabi byazamutseho 23,6% n'ibiciro by'amazu, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutsho 3,1%.

Ugereranyije ukwezi kwa kabiri (Gashyantare 2020) n'ukwezi kwa mbere (Mutarama 2020), ibiciro byazamutseho 1,8%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 3,5%.

### **Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)**

Mu kwezi kwa Gashyantare 2020 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 13,5% ugereranyije na Gashyantare 2019. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa mbere (Mutarama 2020) ryari ku kigereranyo kingana na 11,5%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 13,5% mu kwezi kwa Gashyantare 2020 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 26,6%, ibiciro by'ibiribwa bisembuye n'itabi byazamutseho 21,7% n'ibiciro by'amazu, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutsho 3,5%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa Kabiri (Gashyantare 2020) n'ukwezi kwa mbere (Mutarama 2020) ibiciro byazamutseho 1,7%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 3,7%.

### **Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Gashyantare 2019 kugeza muri Gashyantare 2020.**

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Gashyantare 2019 kugeza muri Gashyantare 2020 ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije													
	2019 02	03	04	05	06	07	08	09	10	11	12	2020 01	02
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi	0,8	1,1	0,2	0,0	0,9	1,9	2,3	3,1	4,4	6,9	6,7	7,3	8,7
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro	-1,3	0,4	-0,7	-0,7	0,9	1,3	3,2	5,8	9,2	15,5	15,8	14,6	17,1
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda	-0,4	0,7	-0,3	-0,4	0,9	1,6	2,8	4,6	7,2	11,8	11,9	11,5	13,5
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi	0,3	1,1	0,3	0,9	0,0	0,0	0,9	0,9	0,6	1,9	-0,3	0,6	1,6
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro	-0,4	3,1	1,2	0,8	-0,1	-0,2	2,5	2,2	1,9	5,2	-1,1	-1,1	1,8
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda	-0,1	2,2	0,9	0,8	-0,1	-0,1	1,8	1,6	1,4	3,8	-0,8	-0,4	1,7
<i>Isoko:Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda</i>													

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103 Hot line: 4321

Web site: [www.statistics.gov.rw](http://www.statistics.gov.rw) /CPI Indexes

Email: [info@statistics.gov.rw](mailto:info@statistics.gov.rw)